

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTEKO Y'UMUCO

ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABASHAKASHATSI N'IMPUGUKE KUGIRA URUHARE MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MUGA N'IKORANYAMAGAMBO MU KINYARWANDA.

Inteko y'Umuco ifite mu nshingano zayo kurinda no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda ndetse no gukora ubushakashatsi ku rurimi rw'Ikinyarwanda. Ifite kandi inshingano yo kumurika no gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi ku rurimi rw'Ikinyarwanda.

Nk'uko bisanzwe, buri mwaka u Rwanda rwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire mu kwezi kwa Gashyantare. Uyu mwaka, kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire bikaba bizaba ku itariki ya 21 Gashyantare 2022.

Mu cyumweru kibanziriza umunsi w'Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire nyirizina, hateganyijwe ibiganiro birimo n'inama nyuguranabitekerezo ku muga n'ikoranyamagambo bizatangwa n'impuguke n'abashakashatsi muri izo ngeri. Insanganyamatsiko yayo ikaba igira iti: ***"Akamaro k'ikoranyamagambo n'ihangamuga mu gukungahaza Ikinyarwanda mu ngeri z'ubumenyi."*** Iyi nama izamurikirwamo inyandiko za gihanga kuri izi ngeri zikazanatangazwa n'Inteko

y'Umuco mu igazeti yayo **UMURAGE (ISSN: 2789-1305)**. Iyo nama ikazaba ku buryo bw'ikoranabuhanga hagamijwe gukomeza kwirinda icyorezo cya Koronavirusi.

Inteko y'umuco ikaba rero ihamagarira abashakashatsi n'impuguke muri ubu bumenyi bw'iyigandimi kwandika inyandiko za gihanga zikazamurikwa muri iyo nama kandi zikazatangazwa muri iyo gazeti yayo y'ubushakashatsi. Inyandiko ishobora kandi kuba isanzwe yarateguwe ariko itarigeze itangazwa mu yandi magazeti y'ubushakashatsi. Ishobora no kuba ari incamake z'ubushakashatsi bwakozwe mu ngeri y'ubumenyi buhuje n'ingingo zizandikwaho.

1. Ingingo zizandikwaho

Inteko y'Umuco yagennye ingingo ebyiri z'ingenzi abashakashatsi bazibandaho ariko hatirengagijwe n'izindi bifitanye isano:

- **Ihangamuga mu ngeri zose z'ubumenyi** (ubukungu n'imari, ikoranabuhanga, ibidukikije, ubuvuzi, ikibonezamvugo, iyigandimi, imyuga itandukanye, imyidagaduro,...)
- **Ikoranyamagambo mu Kinyarwanda** (mu buryo busanzwe n'ubw'ikoranabuhanga)

Izo nyandiko zigomba kuba zirimo incamake (abstract) y'ingingo nkuru zizandikwaho ziri mu Kinyarwanda, mu Cyongereza no mu Gifaransa; izo nshamake zikazohererezwa Inteko y'Umuco bitarenze tariki ya 15 Ukuboza 2021. Abashakashatsi n'impuguke bakaba batangira gutegura izi nyandiko bakazazoherereza Inteko y'Umuco ku mirongo ya imeri umurage@museum.gov.rw no kuri ekabagema@rac.gov.rw bitarenze itariki ya 05 Gashyantare 2022.

Uko inyandiko zigomba kuba ziteye:

Izo nyandiko zigomba zigizwe n'amagambo ari hagati y'ibihumbi bine (4.000) n'ibihumbi bitandatu (6.000). Abashakashatsi n'impuguke bazategura inyandiko zabo bubahiriza

amabwiriza asanzwe agenga imyandikire y'inyandiko z'ubushakashatsi. Bagomba kubahiriza:

- imyandikire y'ubwoko bwa *Times New Roman*,
- ubunini bw'inyuguti -*taille*- 12,
- umwanya hagati y'imirongo -*interligne*- 1.5,
- kwandika indangasoko -*bibliographie*- n'inkuro -*citation*- A.P.A.

Inyandiko igomba kuba yanditse mu Kinyarwanda kandi ifite incamake y'Ikinyarwanda icyongereza n'Igifaransa.

Bikorewe i Huye ku wa 03 Ukuboza 2021.

Amb. MASOZERA ROBERT
INTEBE Y'INTEKO